ISO 9001:2015 CERTIFIED

Ikinyamakuru k'imihindagurikire y'ikirere Nº31, kigenewe abahinzi- borozi, igice cya mbere Ugushyingo (01- 10), 2020

Cyasohotse ku itariki ya 12 Ugushyingo 2020

Incamake

Mu minsi icumi y'igice cya mbere, Ukwakira 2020 kuva tariki ya 01 kugeza tariki ya 11, byagaragaye ko isangano ry'imiyaga rikiri mu karere u Rwanda ruherereyemo, ibi byatumye imvura iboneka ahenshi mu gihugu. Imvura iri mukigereranyo ndetse no hejuru y'ikigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa yapimwe ahenshi mu gihugu. Igiteranyo cy'imvura nyinshi yapimwe mu Ntara y'Iburengerazuba ku bupimiro bwa Ntendezi ahapimwe milimetero 122.4 mu minsi umunani, ku bupimiro bwa Nyange hapimwe milimetero 100.2 mu minsi irindwi naho ku bupimiro bwa Save mu Ntara y'Amajyepfo hapimwe milimetero 93.3 mu minsi umunani. Imvura nke iri munsi ya milimetero 20 yapimwe ku bupimiro bwa Mwiri mu Ntara y'Iburasirazuba.

Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe mu gice cya mbere cy'Ugushyingo, aho igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyusi (°C) 19.3 ku bupimiro bwa Kinigi ndetse na dogere Selisiyusi 29.9 muri Rusizi ku bupimiro bwa Bugarama naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya 11.1°C muri Musanze ku bupimiro bwa Busogo na 19.3°C ku bupimiro bwa Bugarama. Ubuhehere n'ubushyuhe bw'ubutaka twagize muri iki gice byari byiza kandi bihagije ku bihingwa bitandukanye.

1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya mbere cy'Ugushyingo 2020.

1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi y'igice cya mbere cy'Ugushyingo 2020. Muri iki gice imvura yapimwe yari iri mukigereranyo ndetse no hejuru y'ikigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa ahenshi mu gihugu cyane cyane mu Ntara y'Iburenegerazuba n'iy'Amajyepfo. Imvura yari yaguye neza kandi ihagije ku mirimo y'ubuhinzi n'ubworozi.



Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura yaguye mu gice cya mbere cy'Ugushyingo 2020

1.2 Impuzandengo y'imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya mbere cy'Ugushyingo

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirekire, ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya mbere cy'Ugushyingo. Ubusanzwe iki gice kigusha imvura iri hagati ya milimetero 28.3 na milimetero 92.9; bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, muri iyi minsi icumi imvura yabaye nyinshi mu bice byinshi by'igihugu cyane cyane mu Ntara y'Iburengerazuba niy'Amajyepfo.



Ikarita ya 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya mbere cy'ukwezi k' Ugushyingo

1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya mbere mu kwezi k'Ugushyingo 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni uwapimweho byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi.

Muri iki gice nibura ahantu henshi hagushije imvura hagati y'iminsi ine n'iminsi icyenda (4-9) uretse ku bupimiro bwa Mwiri imvura yaguye mu minsi itatu. Imvura yaguye neza mu gihugu hose, yarihagije kugira ngo ibihingwa bikenera imvura bikure neza. Mu gice cya kabiri mu kwezi k'Ugushyingo hateganyijwe ko Iminsi imvura izagwa iri hagati y'iminsi itatu (3) n'iminsi umunani (8).



Ikarita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo

1.4 Ubuhehere bw'Ubutaka

Aha turagaragaza muri rusange uko ubuhehere bw'ubutaka bwari bumeze. Ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya mbere cy'Ugushyingo 2020 bwari mu kigereranyo gisanzwe bitewe n'ibihe by'imvura ndetse n'ibicu byiganje byaranze iyi minsi. Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buzakomeza kwiyongera mu gice cya kabiri cy'Ugushyingo bitewe n'uko ibihe by'imvura biteganyijwe kwiyongera.

2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru

Ikarita ya 4 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe dupima, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo cy'impuzandengo y'igihe kirekire; mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Iburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi. Mu Ntara y'Amajyaruguru, iy'Amajyepfo n'igice kinini cy'Intara y'Iburengerazuba akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi mu gihugu.

Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 19.3 na 27.0 ahenshi mu gihugu; uretse ku bupimiro bwa Nyamata hapimwe degree 27.5 no ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane hapimwe dogere selisiyusi 29.9



Ikarita ya 4: Ubushyuhe bwo hejuru

2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatanu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya dogere Selisiyusi 11.1^0C (Busogo) na dogere Selisiyusi 19.3^0C ku bupimiro bwa Bugarama. Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha ahandi mu gihugu.



Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hasi

3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ugushyingo (tariki 10-20) 2020

3.1 Ikirere giteganyijwe

Mu gice cya kabiri cy'ukwezi k'Ugushyingo 2020 (hagati y'itariki ya 11 n'iya 20) mu Rwanda hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 20 na 150. Imvura iteganyijwe izaturuka ku isangano ry'imiyaga rizongera umwuka uhehereye mu karere u Rwanda ruherereyemo uko rigenda rigana mu gice cy'epfo cy'Isi. Imvura iteganyijwe kwiyongera uhereye taliki ya 15 kugeza mu mpera z'iminsi y'iri teganyagihe cyane cyane mu Ntara y'Amajyepfo n'iy'Iburengerazuba. Imvura iteganyijwe mu buryo bukurikira:

Intara y'Iburasirazuba: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 20 na 80. Uburasirazuba bw'uturere twa Nyagatare, Gatsibo, Kayonza, Kirehe ndetse n'amajyepfo y'akarere ka Bugesera hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 20 na 40 mugihe mu burengerazuba bwa Nyagatare, Gatsibo, Kayonza, amajyaruguru ya Ngoma n'uburasirazuba bwa Rwamagana hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 80. Ahandi hasigaye hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 60. Imvura iteganyijwe mu Ntara y'Iburasirazuba izaba iri hejuru gato y'impuzandengo y'imvura isanzwe ihagwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ugushyingo.

Umujyi wa Kigali: Ahenshi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 60 uretse amajyepfo y'iburengerazuba bwa Nyarugenge no mu bice byo hagati muri Gasabo hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 80. Imvura iteganyijwe muri Kigali iri ku kigereranyo cy'imvura isanzwe ihagwa mu gice cya kabiri cy'ukwezi k'Ugushyingo.

Intara y'Amajyepfo: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 150. Mu burasirazuba bw'akarere ka Gisagara hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 60 mugihe mu burengerazuba bwa Nyaruguru na Nyamagabe hateganyijwe imvura igera kuri milimetero 150, ari nayo nyinshi iteganyijwe muri iki gihe cy'iminsi icumi iri imbere. Ingano y'imvura iteganyijwe muri

iyi ntara iri hejuru y'impuzandengo y'imvura isanzwe ihagwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'ukwezi k'Ugushyingo.

Intara y'Iburengerazuba: Imvura iri hagati ya milimetero 60 na 150 niyo iteganyijwe muri iyi ntara. Imvura nke muri iyi ntara iri hagati ya milimetero 60 na 80 iteganyijwe mu burasirazuba bwa Nyabihu no mu majyaruguru y'Iburasirazuba bwa Ngororero mugihe imvura iri hagati ya milimetero 120 na 150 iteganyijwe mu burasirazuba bwa Nyamasheke, Rusizi, ibice byo hagati bya Karongi no mu burengerazuba bwa Rubavu. Imvura iteganyijwe iri hejuru y'impuzangengo y'imvura isanzwe ihagwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'ukwezi k'Ugushyingo.

Intara y'Amajyaruguru: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 120. Mu karere ka Rulindo no mu majyepfo ya Gicumbi na Gakenke hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 60 mugihe muri pariki y'ibirunga hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 100 na 120. Iyi mvura iri ku kigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe ihagwa muri iki gihe.



Ikarita ya 6: Iteganyagihe ry'imvura mu gice cya kabiri cy'Ugushyingo 2020.

3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Inzego z'ubuhinzi ziragirwa inama yo kwihutisha, kugeza inyongeramusaruro ku bahinzi, gutegura ibikoresho byifashishwa mu mirimo yo kuhira cyane cyane mu bice bikunze kugira imvura idahagije ndetse no kwita ku mihingire ibika amazi mu butaka. Muri iki gice cya kabiri imirimo izibandwaho cyane ni iyo kwita imbuto zamaze kumera zibagarwa ndetse zirindwa n'ibindi byonnyi. Abahinzi barashishikarizwa gukomeza kugisha inama abashinzwe ubuhinzi babegereye mu gukomeza gutegura neza imirimo ijyanye n'ubuhinzi. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.